

REPUBLIKA Y'U RWANDA



KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO
UBUTORE DEVELOPMENT CENTRE

***IMFASHANYIGISHO YO GUTOZA
INDANGAGACIRO YO KWIHESHA AGACIRO***

Kamena 2014

**INDANGANGACIRO 7 Z'IBANZE
ZIFASHA U RWANDA KUGERA KU
CYEREKEZO RWIYEMEJE.**

1. UBUNYARWANDA
2. GUKUNDA IGIHUGU
3. UBUNYANGAMUGAYO
4. UBUTWARI
5. UBWITANGE
6. GUKUNDA UMURIMO NO
KUWUNOZA
- 7. KWIHESHA AGACIRO**

ISHAKIRO

INDANGANGACIRO REMEZO	3
ISHAKIRO	5
IJAMBO RY'IBANZE	9
INTANGIRIRO	11
Intego rusange	11
Intego zihariye	12
Umusaruro	12
Amasomo akubiye muri uyu mutwe	12
I. AMAHAME AGENGA UBUKUNGU.....	13
I.1 Intangiriro.....	13
I.2 Intego zihariye	13
I.3 Ibisobanura by'amagambo.....	13
I.4 Ibizana ubukungu n'iterambere.....	15
I.5 icyerekezo cy'ubukungu n'iterambere by'u Rwanda	16
I.6 Inzitizi zigaragara mu kwihesha agaciro hashingiwe ku iterambere ry'ubukungu.....	17
II. AKAMARO KA DIARY MU KWIYANDIKIRA AMATEKA .	20
II.1 Intangiriro.....	20
II.2 Intego rusange.....	20
II.3 Intego zihariye.....	20

II.4	Diary urugerero.....	21
II. 5	Akamaro ka Diary.....	21
II.6	Uburyo bwo kuzuzza Diary.....	21
II.7	Umusaruro wa Diary/Journal.....	23

III. IBIYOBYABWENGE MU RUBYIRUKO (UBUSINZI, IBIYOBYA-BWENGE, UBURAYA N’IBINDI)26

III.1	Intangiriro.....	26
III. 2	Intego rusange.....	26
III.3	Intego zihariye.....	26
III.4	Ibisobanuro by’amagambo.....	26
III.5	Ubwoko bw’ibiyobyabwenge.....	27
III.6	Ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge.....	28
III.7	Kwirinda iboyobyabwenge.....	29

IV. U RWANDA MU ISI31

IV.1	Intangiriro.....	31
IV.2	Intego zihariye.....	31
IV.3	Urugendo rw’u Rwanda mu isi yabaye umudugudu....	31
IV.4	Ibiranga Isi yabaye imwe	34
IV.5	Ibinengwa Isi yabaye imwe	35
IV.6	Imiterere y’ibibazo bya politiki mu karere no mu isi bireba u Rwanda n’ibigaragaza icyizere u Rwanda rufitiwe.....	37
IV.7	Inkingi zigaragaraza icyizere u Rwanda rufitiwe ku rwego mpuzamahanga.....	39
IV.8	Uko u Rwanda rwasigasira indangagaciro mu ruhurirane rw’imico y’andi mahanga.....	41

IV.9 Uruhare rw'abanyarwanda mu kubaka isura nziza y'igihugu no kugira uruhare mu iterambere ryacyo.....42

V. IBIDUKIKIJE, ISUKU N'ISUKURA45

V.1 Intego rusange.....45

V.2 Intego zihariye.....45

V.3 Ibisobanuro by'amagambo.....45

V.4 Akamaro k'isuku.....46

V.5 Zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda.....46

V.6 Ingaruka mbi zo kutagira isuku ku muntu ku giti cye,ku muryango no ku gihugu.....46

V.7 Ingamba zo kwimakaza umuco.....47

V.8 Amahame rusange y'ibidukikije.....48

V.9 Indangagaciro zizimakazwa mu rwego rw'isuku no kurengera ibidukikije hagamijwe kwimakazwa indangagaciro yo kwihesha agaciro.....49

V.10 Ibibazo byugarije ibidukikije.....49

V.11 Uruhare rw'Intore mu kurengera ibidukikije.....51

VI.ISESENGURA RY'AMAHAME Y'INTORE N'UBURYO BWO KUYIMAKAZA52

VI.I Intego rusange.....52

VI.2 Intego zihariye.....52

VI.3 Ibisobanuro by'Amahame y'Intore.....52

VI.4 Uko Amahame y'Intore yimakajwe mu mateka y'u rwanda55

IJAMBO RY'IBANZE

Hashingiwe ku Itegeko n° 41/2011 ryo ku wa 16 Kamena 2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, mu ngingo yaryo ya 6, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo **kubaka umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo ufite n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.**

Mu ngingo 7, agace ka 3, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite inshingano yo gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu,

Kugira ngo Komisiyo ishobore gutoza banyarwanda mu byiciro bitandukanye yafashe gahunda yo gutoza ku Mudugudu, mu Mashuri, ku Rugerero no mu Nzego z'Imirimo,

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero itoza Abanyarwanda indangagaciro remezo zikurikira:

- 8. Ubunyarwanda**
- 9. Gukunda Igihugu**
- 10. Ubunyangamugayo**
- 11. Ubutwari**
- 12. Ubwitange**
- 13. Gukunda umurimo no kuwunoza**
- 14. Kwihesha Agaciro**

Izi ndangagaciro remezo 7 zishamikiyeho izindi ndangagaciro z'umuco nyarwanda zitandukanye,

Ni muri urwo rwego Abatoza b'Intore bavuye mu nzego zitandukanye bateguye imfashanyigisho kuri buri ndangagaciro

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

kugira ngo zifashishwe mu gutoza Abanyarwanda mu byiciro bitandukanye.

Hateguwe kandi imfashanyigisho kuri gahunda zikurikira:

- 1. icyerekezo 2020**
- 2. Imikorere y’Itorerero**
- 3. Gahunda y’imitoreze**

Kugirango Abatoza b’Intore babashe gutoza ibyiciro bitandukanye by’Abanyarwanda badasobanya, hateguwe **Inyoborabatoza** izabafasha kugera ku ntego n’umusaruro dutegereje.

Komisiyo y’Igihugu y’Itorerero irashimira Abatoza bagize uruhare mu gutegura izi mfashanyigisho ikanashimira by’umwihariko uruhare rwa buri Ntore mu gutoza izi ndangagaciro.


RUCAGU Boniface
Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Itorerero



INTANGIRIRO

U Rwanda mbere y'ubukoloni, Abanyarwanda barangwaga no kwimakaza Indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda zahesheje u Rwanda n'abanyarwanda ishema, icyubahiro n'ubudahangarwa.

Uburere bwatangirwaga mu Itorero ari na ryo rerero ry'icyo gihe, byafashaga gukomeza gusigasira umuco no kubaka umunyarwanda wihesha agaciro. Ibyo bigakorwa mu ruhererekane nyamvugo rw'amateka biva ku bakuru bijya mu bato, mu babyeyi n'abana.

Mu mibereho ya buri muni y'abanyarwanda bo hambere, umubyeyi yari uwa bose bityo n'uburere bwa buri mwana bukaba ubw'umuryango.

Mu gihe cy'ubukoloni, isoko yavomwagamo indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda yasenywe n'Abakoloni aho Itorero ryatakaje icyerecyezo risigarana inshingano yo gutoza imbyino n'imihimirizo gusa. Ubwo inyigisho z'amacakubiri zitangira ubwo.

Nyuma y'ubukoloni, muri Repubulika ya mbere n'ya n'iyakabi hakomejwe uwo murongo w'amacakubiri watugejeje kuri Jenocide yakorewe Abatutsi yo mu w'1994.

Aho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda igiriyeho yasanze umwe mu miti wagarurira Abanyarwanda ubumwe bahoranye n'agaciro kabo ari ukugarura Itorero ry'igihugu bikazabafasha kugira imyumvire, imyifatire n'imigirire bituma umuntu agira icyo yimarira, icyo amarira abandi n'icyo amarira igihugu, bityo ijabo rye rikamuhesha ijamba mu bandi. (Ijamba rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, yavugiye mu mushyikirano wa 2010, "Ntawe ushobora kuguha agaciro ,agaciro urakiha")

Intego rusange

Iyi mfashanyigisho izafasha gutoza Abanyarwanda kugira imyumvire, imyifatire n'imigirire bituma umuntu agira icyo

yimarira, icyo amarira abandi n'icyo amarira Igihugu, bityo ijabo rye rikamuhesha ijamba mu bandi.

Intego zihariye

1. Kugira Abanyarwanda barangwa n'ishema ryo kwivuga ibigwi mu ruhando rw'amahanga hagamijwe guhindura u Rwanda indangamirwa kandi rwizihiyeye bose;
2. Kugira abanyarwanda barangwa n'indangagaciro zo kwigira no kwiyubaha;
3. Gusesengura no gushimangira uruhare rwa buri munyarwanda mu kongera umusaruro, guharanira iterambere, kwihangira umurimo, gucunga neza umutungo, guteganya, kwiyubakamo ubushobozi, kugira umuco wo guhiganwa.

Umusaruro

Nyuma y'iri somo, abatojwe bazarangwa n'indangagaciro zikurikira :

- a. Kongera umusaruro,
- b. Guharanira iterambere ry'umuntu ku giti cye n'irya rusange
- c. Kwihangira umurimo,
- d. Gucunga neza umutungo we n'uw'abandi,
- e. Kwiteganyiriza/guteganya,
- f. Kwiyubakamo ubushobozi,
- g. Kugira umuco wo guhiganwa.

Amasomo akubiye muri uyu mutwe

- a. Amahame agenga ubukungu
- b. Isesengura ry'amahame y'intore n'uburyo bwo kuyimakaza
- c. Ibyorezo mu rubyiruko (sida, ubusinzi, ibiyobyabwenge, uburaya n'ibindi)
- d. U Rwanda mu isi
- e. Akamaro ka diary mu kwiyandikira amateka
- f. Umuco w'isuku n'isukura no kubungabunga ibidukikije

I. AMAHAME AGENGA UBUKUNGU

I.1 Intangiriro

Iki kiganiro kigamije kuzamura imyumvire y'abatozwa ku bijyanye n'amahame agenga ubukungu n'isano iri hagati ya politiki, ubukungu n'iterambere.

I.2 Intego zihariye

- a. Kwerekana ko iterambere atari impanuka; ko ahubwo riterwa n'imbaraga z'abantu n'ubumenyi bwabo;
- b. Kwerekana ko iterambere atari umwihariko wa bamwe; ko ahubwo abatuye isi bose bafite imbaraga n'ubwenge (Consciousness);
- c. Kwerekana uruhare rw'umurimo mu iterambere ry'umuntu n'umuryango byatuma bagera ku iterambere;
- d. Kwerekana impinduka zagiye zibaho n'iziriho ku isi (harimo n'u Rwanda) kugira ngo tumenye izadufasha kwihutisha iterambere mu RwandaNyuma y'iri somo, abatozwa bazaba:
- e. basobanukiwe n'amahame y'iterambere mu bukungu;
- f. Bahuje ubumenyi butangirwa mu ishuri n'ishyirwamubikorwa rya gahunda za Guverinoma
- g. Bahawe ubumenyi ku bijyanye n'iterambere ry'ubukungu
- h. Bagaragaje uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu..

I.3 Ibisobanura by'amagambo

- a) **Politiki:** Ni Uburyo bwa gihanga bwo kuyobora umuryango w'abantu (Scientific management of the society):

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- Kuyobora abantu biganisha ku neza yabo harimo umutekano, ubukungu, ubutabera bizana imibereho myiza (wellbeing & happiness).
- Kuyoborana abantu ubuhanga: kubonera ibisubizo bikwiye ibibazo biriho.

Urugero: Ubwisungane mu kwivuza; kugabanya ubukene hakoreshejwe VUP Umurenge, Umurenge SACCO n'ibindi.

b) Ubukungu: Uburyo bwo kubyaza umusaruro na serivisi ibidukikije no kuwusangira hagati y'abagize umuryango w'abantu. Ubwo bukungu bugizwe na:

- Uruhare rw'umurimo mu kubyaza umusaruro na serivisi (Workforce, Entrepreneurship, Investment)
- Uruhare rw'isoko (Exchange/Market/ Offer & Demand law) mu gusangira umusaruro na serivisi;
- Uruhare rwa Leta mu gusangira umusaruro mu bagize sosiyete (Taxation, Health, Education, Infrastructure, ...);
- Uruhare rw'abayobozi n'abaturage mu kugabira no kuremera abatishoboye bikagabanya ubukene;
- Uruhare rw'inguzanyo z'amabanki mu kuzamura ishoramari.

c) Iterambere:

- icyiciro cy'imikorere, imibereho n'imibanire abantu bagenda bageramo bitewe n'ubushobozi bwo guhindura ibidukikije ku nyungu za muntu.
- Abenshi bafata iterambere nk'inzira yo kwibohora (Development as freedom).

Urugero: kwibohora ubujiji, ubukene, akarengane ,...

- Urwego rw'imibereho irangwa n'umunezero (Happiness)
- Iterambere ribaho ari uko risangiwe na bose: inclusive development (Gender & Youth issues).
- Hari abumva ko nta terambere ritubahirije ibidukikije rishoboka: sustainable development

d) Politiki y'ubukungu (Political economy):

Imyigire y'amategeko n'amahame remezo agenga iterambere ry'umuryango w'abantu uva ku rwego rumwe ujya ku rwisumbuye

- Uko imiryango y'abantu yagiye ikurikirana mu mateka y'isi
- Abantu babaho nk'izindi nyamaswa (Primitive communalism)
- Ubucakara (Slavery-Master society/ Slavery)
- Ubuhake n'ubukonde (Surf-Lord society/ Feudalism)
- Capitalism (Worker society/ Capitalist society)
- Socialism
- Communism

I.4 Ibizana ubukungu n'iterambere

- a. Abantu bafite ubumenyi n'ubuzima buzira umuze (Skilled & healthy people)
- b. Umutungo kamere (Natural resources)
- c. Ubushobozi bwo guhindura ibidukikije (Nature transformation through Science & Technology)
- d. Ubushake bwo guhindura ibintu (Political will for economic & social transformation)
- e. Uburyo bwo gusaranganya umusaruro no guhahirana

(Exchange of goods and services);


- f. Imibanire iva mu kubyaza no gusaranganya umusaruro (Social Relations).

I.5 icyerekezo cy'ubukungu n'iterambere by'u Rwanda

Muri gahunda yo kwihesha agaciro bishingiye ku kwigira kw'Abanyarwanda, hashyizweho gahunda zinyuranye zikurikira

- Icyerecyezo (**Vision**) **2020** (PRSP, EDPRS I & EDPRS II) kigizwe n'Inkingi 6 n' Inkingi 3 nyunganizi za Vision 2020 (cfr Policy of Vision 2020);
- EDPRS I & II byibanda ku kugabanya ubukene: Abakene bangana na miliyoni 1 bavuye muni y'umurongo w'ubukene (2006-2011).
- Ikigega cy'Agaciro (Agaciro Development Fund)

Uko bihagaze:



Before Vision 2020 na After 2020 byashyirwa mu kinyarwanda

- Gushimangira ubuhahirane n'ibihugu bishya: UK, China, India, Singapore, South Korea, RSA, Ibihugu bya EAC,
- Hashyizweho Politiki yo gufasha abatishoboye mu rwego rwo kubafasha kuva mu bukene. Zimwe muri iza gahunda harimo: Gahunda ya VUP iteganyijwe kugera mu mirengye yose 416; amashuri ya tekhnike azaba 60% azafasha mu kubyaza umusaruro umutungo kamere; Girinka ifasha abakene kurwanya imirire mibi, gutunga

ifaranga no kunoza ubuhinzi; gufasha abana kwiga mu mashuri makuru na kaminuza (mu ngo zo mu cyiciro cya.1&2 z'ubudehe) bigamije kubongerera amahirwe; politiki ya Mutuelle ifasha abantu (kugezwaho ubuvuzi) access to health care; Umurenge SACCO ufasha kugira Access to finance. icyerekezo cy'izi politiki kigamije kubaka ubukungu bwa bose.

- Urwego rw'Amakoperative rufasha kunoza imikorere y'abayagize bigamije guhuza imbaraga, kuzamura ishoramari no guhanga imirimo mishya (200,000)
- Kwegurira abikorera ibigo bya leta, korohereza abifuza kugura imigabane mu bigo by'ubucuruzi no gukangurira abikorera kwishyira hamwe birubaka urwego rw'abikorera ruhamye;
- Politiki yo kwagura isoko ry'u Rwanda (Open, bigger and varied market)/ Regional integration/ Globalization bigamije gufasha abikorera b'abanyarwanda kugira Access to bigger and larger market byajya mu Kinyarwanda (EAC; CEPGL; COMESA; ...);
- Isomo rya Entrepreneurship ryinjijwe mu masomo atangwa kuva mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye mu gutegura urubyiruko rwaciye mu mashuri kwihangira umurimo.

I.6 Inzitizi zigaragara mu kwihesha agaciro hashingiwe ku iterambere ry'ubukungu

- Umuco wo kunyurwa manuma / kudakora amasaha ahagije (underemployment):

Urugero: Ku bantu bangana na na miliyoni 5 bakora mu gihugu (2011), 3.5 bakora amasaha ari muni ya 35 mu cyumweru/ itegeko ry'abakozi ba leta riteganyaga nibura

amasaha 45 mu cyumweru. Amaduka menshi mu Rwanda akinga abaguzi bakinjira (5pm)

- Kudaha agaciro umuco wo kuzigama: bijyana no gusesagura; kwirarira (spending beyond your real income)
- Ubumenyi ngiro (Technical skills) bukiri hasi bidindiza uburyo bwo kubyaza umusaruro umutungo kamere bikanatera ikinyuranyo kinini hagati y'ibyo dutumiza mu mahanga n'ibyo twoherezayo (imbalance trade):
- Kutagirirana icyizere bigabanya amahirwe yo gufatanya ibikorwa: collective investments, cooperative development,
- Imyumvire ishaje yo gutekereza ko leta ikiri umukoresha wa mbere: gusobanura icyo 97% byereka y'imirimo itariy'ubuhinzi / off-farm jobs iri muri SMEs (2011). Ibigo by'ubucuruzi bya leta byeguriwe abikorera (Privatization policy).

UMUSOZO

Kugira ngo umuryango runaka cyangwa sosiyete uve ku rwego rumwe ijya ku rwisumbuye, bifata igihe kirekire kuko bisaba impinduka mu buryo bwo kubyaza umusaruro na serivisi n'uburyo bwo kuwusangira. Ibyo rero bisabye ko abantu n'ubuyobozi buriho bagira uruhare mu kubiyobora hakoreshejwe politiki n'amategeko byiza.

1. IBINDI BYAKWIFASHISHWA

IMIGANI:

- Ibijya gushya birashyuha: (Mutual Transformation from quantitative change to qualitative change). Urugero: Ibiti 2 bibyara urushingo narwo rukabyara umuriro cyangwa amazi abyara amashanyarazi
- Nta gahora gahaze. “Negation of Negation”. Urugero: Imashini zishaje zisimburwa n’inshya; ibitagikenewe bigatakara ariko hakagira bicye byimukira mu mashini nshya.
- Ntakabura invano (cause and effect). Urugero: Ubukene nka Effect/Phenomenon bushobora guterwa n’impamvu nyinshi. Gerageza kuzisesengura.
- Agahanga umugezi kaba iyo agiye (necessity and chance). Ibyateganyijwe bishobora guhura n’ibitunguranye. Wakora iki?
- Utazi Umukungu yima Umwana (possibility and Reality).
- Umukobwa aba umwe agatukisha bose (Individual, Particular and Universal).
- Abishyize hamwe nta kibananira

INDIRIMBO: Indirimbo

Imiterere n’imikorere y’imiryango yo mu Karere na mpuzamahanga.

II. AKAMARO KA DIARY MU KWIYANDIKIRA AMATEKA

II.1 Intangiriro

Mu Rwanda rwo hambere Abanyarwanda barangwaga n'ishema ryo kwiyandikira amateka babinyujije mu bikorwa by'indashyikirwa no mu byivugo, indirimbo, imivugo n'ibindi.

Kimwe mu bintu bikomeye Abanyarwanda bambuwe n'ubutegetsu bwa Gikoloni ni icyizere cyo kwiyandikira amateka.

Kuva kera abanyarwanda biyubakiraga amateka binyuze mu bikorwa by'ubutwari babaga barakoze. Amateka yabo rero bayagaragarizaga mu bihangano byabo.

Ni byiza rero ko uyu muco mwiza warangaga abanyarwanda wakomeza kwimakazwa.


II.2 Intego rusange

1. Kugira Abanyarwanda bashobora kwiyandikira amateka.
2. Kugira abanyarwanda basobanukiwe n'akamaro ka nkoranyabikorwa cy'umunsi n'uburyo ikoreshwa.

II.3 Intego zihariye

1. Kwerekana uburyo igitabo cya dairy cyafasha mu gusubiza Abanyarwanda agaciro ko kwiyandikira amateka.
2. Gufasha abatoza n'abatozwa kugira ubumenyi buhagije bwerekeye akamaro k'igitabo cya dairy n'uburyo cyandikwamo.

II.4 Diary urugerero



Diary ishobora kuba :

- a. Igitabo.
- b. Isanduku ibika impapuro (hakenewe ibisobanuro mu magambo y'ikinyarwanda kandi arambuye (Visual basic vbBox File) irimo.
- c. Mudasobwa (Computer)
- d. Mudasobwa (Computer Disk (CD).
- e. Kaseti radiyo: Audio tape

II. 5 Akamaro ka Diary

- a. Idufasha kwibuka.
- b. Diary idufasha gukangura ubwonko.
- c. Idufasha kurushaho kwimenya.
- d. Idufasha kuvumbura ibintu tutacyekaga.
- e. Idufasha kuruhura umutwe.
- f. Idufasha guhora twisuzuma.

II.6 Uburyo bwo kuzuza Diary

a. icya mbere: Gutoranya icyo ushaka kugira diary yawe: igitabo, impapuro cyangwa mudasobwa

b. icya kabiri: Kwandika igikorwa/igitekerezo kirimo kiba: Kurondora uko ibintu byari bimeze,

utibagiwe kuminjiramo uko wumvaga umerewe muri uwo mwanya.

Urugero:

Mugihe cya Saa tatu, ndi hamwe na bagenzi banjye.....,.....,.....,....., na.....twubatse akarima k'igikoni k'umucyecuru witwa.... utuye..... Imvura yari ihise hose huzuye icyondo. Bwari ubwa mbere nshyize ibiganza byanjye mu cyondo ku buryo numvaga mfite ubwoba.....Ariko nyuma y'isaha imwe numvise.....

c.Icya gatatu: Kongeramo ibindi bitekerezo/ingingo: Andi makuru tumenya nyuma ya cya kintu cyatumye twandika muri diary.

Urugero:

Saa Moya z'ijoro naganiriye na Marume ambwira ko nta muntu ushobora kuba umugabo nya mugabo atazi gukoresha amaboko ye. Yongeyeho ko mu Rwanda rwo hambere umwana uzaba umwami bamwoherezaga ahantu hagoye bakamukoresha imirimoy'amaboko kugirango azavemo umuyobozi usobanutse.... Narebye ku internet nsanga koko ku isi hose.....

d. Icya kane: Gusubiramo ibyanditswe muri diary: Gusubira ku kintu wahuye nacyo, ugasa nk'ugikurura ukongera ukakitegereza neza.

Urugero:

Ubwoba nari mfite igihe nakoraga mu cyondo nubaka akarima k'igikoni uyu munsu burasa nk'ubwo nagize umunsi Papa na Mama banyohereza muri Boarding school muri 2006. Burya ubwoba n'imbwa koko....ubonye ngo umuntu atinye ikintu kitakabaye giteye ubwoba.....Ntibizongera ukundi....

e. Icya gatanu: Gutekereza no gusarura ku byanditswe muri diary: Ibintu wiyemeje gukora mu rwego rwo kunoza ibitekerezo wagize.

Urugero:

1. Ejo ninsubira ku rugerero nzasaba Intore yo ku mukondo inshakire abandi bakecuru 2 nzajye kububakira uturima tw'igikoni muri weekend.
2. Niyemeje ko ejobundi nimva ku rugerero nzajya gutangira kwiga kwoga. Ubwoba nagiraga bwo kwegera piscine ngiye kubutsinda byanze bikunze.
3. Najyaga ntinya indege none niyemeje kuba pilote.

II.7 Umusaruro wa Diary/Journal.

1. Gufasha gutegura raporo y'akazi wakoze mu gihe runaka.
2. Gutegura gahunda y'inama uzagira .
3. Gushaka igisubizo cy'ikibazo runaka ushingiyeye mu mateka yanditse.

Indangagaciro zizimakazwa mu rwego rwo gushimangira akamaro ka diary:

1. Kujya inama ku byakorwa hashingiwe ku mateka;
2. Kubungabunga ibyagezweho.
3. Kwimakaza umuco wo kwivuga ibigwi.
4. Kwiyandikira amateka.

Umwanzuro

Kubera ko umuntu ataturungwa n'ibyo kurya gusa, anakeneye ifumbire iva mu burere bwiza kugira ngo atagwingira mu bitekerezo. Ibyo bivomwa mu byanditswe n'ibyakozwe bigaragazwa mu mateka yanditse y'Abanyarwanda.

Ibindi byakwifashishwa

Imwe mu migani igaragaza akamaro ka Diary mu kwiandikira amateka:

- Amagambo aribagirana ariko inyangiko zigumaho.
- Umuntu arapfa ariko ibikorwa ntibipfa.
- Intwari ntipfa.
- Udasize umwana asiga umugani.
- Intamenya irira ku muziro.
- Utaganiriye na se ntabwo icyo Sekuru yasize avuze.

Amafoto agaragaza bimwe mu bikorwa byakozwe mu rwego rwo kwiandikira amateka.



Amateka yo kwifuriza abanyarwanda kugira amata n'abayanywa (Uburumbuke, gutunga no gutunganirwa harwanya imibireho mibi, Igihugu kigahora gitemba Amata n'Ubuki.



Amateka ku muco wo gutarama mu banyarwanda.

Imfashanyigisho :

- Iyi powerpoint presentation.
- Writing and keeping journals. A guide for educators and social practitioners (<http://infed.org/mobi/writing-and-keeping-journals-a-guide-for-educators-and-social-practitioners/>)
- Hiemstra, R. (2001). Uses and benefits of journal writing. In L. M. English & M. A. Gillen, (Eds.), *Promoting journal writing in adult education* (New Directions for Adult and Continuing Education, No. 90, pp. 19-26). San Francisco: Jossey-Bass. (<http://www-distance.syr.edu/journal1.html>)

III. IBIYOBWENGE MU RUBYIRUKO (UBUSINZI, IBIYOBYA-BWENGE, UBURAYA N'IBINDI)

III.1 Intangiriro

Ibibazo by'ibiyobyabwenge biteye inkeke kubera ingaruka zinyuranye ku babinywa no ku muryango nyarwanda. Abantu benshi cyane cyane urubyiruko usanga batumva neza uburemere, ingaruka n'ububi bwabyo bikomoka mu kubinywa.

III. 2 Intego rusange

- a. Kugira abanyarwanda bafite ubuzima buzira umuze;
- b. Gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge.
- c. Kwimakaza indangagaciro yo kwirinda kwiyandarika.

III.3 Intego zihariye

- a. Gusobanura bimwe mu biyobyabwenge byibasiye urubyiruko biboneka mu Rwanda n'ingaruka mbi bifite ku buzima bw'abantu, ku muryango no ku gihugu muri rusange.
- b. Kugaragaza ingamba zo gukumira ibiyobyabwenge.
- c. Kugaragaza zimwe mu ndangagaciro zizimakazwa mu rwego rwo gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge.

III.4 Ibisobanuro by'amagambo

a. Ibiyobyabwenge

- (i) Ni ibintu unywa ugira ngo wiyibagize ibintu cyangwa ushirike ubwoba ariko byangiza ubuzima bwawe cyane;
- (ii) Ni ikintu cyose kivanze cyangwa kitavanze n'ibindi bintu by'umwimerere cyangwa ibikorano bishobora guhindura imyumvire y'umuntu bigatuma uwabinyoye

ayoborwa na byo;

- (iii) Ibintu byose iyo byinjijwe mu mubiri w'umuntu hakoreshejwe uburyo butandukanye, bigahindura imikorere y'ubwonko n'imyanya y'ibyumvirizo ntikore neza, bigatuma umuntu ahindura imyifatire.

III.5 Ubwoko bw'ibiyobyabwenge

- (i) Urumogi,



- (ii) Kokayine (Cocaine)



- (iii) Inzoga z'inkorano (urugero: bareteta, muriture, akayuki, nyirantare, n'izindi...).



- (iv) Mugo,

- (v) Colle,

- (vi) Essence,

- (vii) Ibinini (Rehynol, Diazepam, Valium)

- (viii) Heroine

III.6 Ingaruka zo gukoresha ibiyobyabwenge

(i) Ku mubiri w'umuntu:

1. Bitera umuntu kumva afite imbaraga nyinshi bikamutera guta umutwe agakora ibyo adashobora gukora ari muzima nko gufata ku ngufu, kwishora mu buraya bikaba byavamo kwandura agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
2. Bica umuntu intege, bikaba byamuviramo urupfu
3. Bibuza ibitotsi, cyangwa ibisinziriza
4. Bituma umuntu aya ku buryo budasanze
5. Ubinywa atakaza ibiro, Gufata ku ngufu
6. Ubinywa arangwa n'umwanda ku mubiri (Kutiyubahagira, kutamesa,...)
7. Guhora arakaye, ubabaye.
8. Kutiyitaho ku isuku aho aba
9. Kumva ko ntacyo ashobora gukora.
10. Kubura intege n'ubwo babifata bakeka ko bitera intege.
11. Indwara (sida, Igituntu, cancer, Indwara zo mu mutwe n'ibindi...)
12. Urugomo mu miryango.
13. Nyirabayazana y'ibindi byaha biri ku isonga
14. Kudindiza iterambere n'imibereho myiza.

(ii) Ku muryango

1. Amakimbirane aba menshi kubera imyumvire itandukanye mu kwakira cyangwa kwihanganira imyitwarire y'umunywi wabyo

2. Ubuzererezi cyane cyane mu urubyiruko

(iii) **Mu kazi**

1. Igabanuka ry'umusaruro (Ku rubyiruko, imyigire yabo iba mibi kuburyo nta cyizere cy'ejo hazaza batezweho)
2. Impanuka zishobora kuvuka mu kazi kubera kunywa ibiyobyabwenge
3. Kwirukanwa, izo ngaruka zose zituruka ku biyobyabwenge akenshi zinatuma habaho gukurikiranwa mu butabera kubera ibyaha bitandukanye kandi bikomeye bikorwa nyuma yo kubinywa.

Icyitonderwa: Impamvu ituma ibiyobyabwenge biba byinshi mu Mujyi wa Kigali, ahanini biterwa n'imiturire icucitse yorohereza ababifite kubihisha, kandi bakaba banabibonamo amafaranga menshi.

III.7 Kwirinda ibiyobyabwenge

1. Gutungira urutoki Polisi n'izindi nzego zibishinzwe abanywa, abacuruza, cyangwa se aborohereza ikwirakwizwa ryabyo.
2. Nk'abanyeshuli ni ukwirinda umuntu wese wabibashoramo.
3. Kwirinda gusohokana n'ababaruta ubukuru babajyana mu tubare kuko bashobora kubibaha mu nzoga cyangwa Fanta.
4. Gusobanukirwa ko umuntu wese ufashwe anywa cg acuruza ibiyobyabwenge ahanwa n'amategeko.

Ingamba

1. Gukomeza ubufatanye hagati y'inzego
2. Gushyiraho uburyo bumwe bw'ikusanya mibare iturutse

hirya no hino

3. Kurwanya ihingwa ry'ibiyobyabwenge no kwenga kanyanga
4. Gukumira icuruzwa ry'ibiyobyabwengenge ku mashuli
5. Gukomeza kurwanya uburaya, ubuzererezi n'ubwomanzi mu mijyi
6. Gukomeza ibihano bisanzwe biteganywa n'amategeko
7. Ibiganirwa kuri Radiyo na Televiziyo, mu binyamakuru no mu nama zinyuranye.

Indangagaciro zizimakazwa mu rwego rwo kwirinda ibiyobyabwenge

1. Kutiyandarika
2. Kugira isuku
3. Kwigira
4. Kwishakira ibisubizo
5. Ubunyangamugayo

Umwanzuro

Imyumvire n'imyitwarire itari myiza igira ingaruka ku buzima bw'umuntu ku giti cye ndetse n'ubw'umuryango mugari; ibyo bikaba bisaba ko buri wese yafata ingamba n'uburyo bwo guhindura imyumvire n'imyitwarire itari myiza hagamijwe kuyigira myiza. Ibyo bivuze ko mu rwego rwo kwihesha agaciro, buri munyarwanda akeneye ubumenyi buhagije ku ndwara z'ibyorezo zimwugarije bityo agire ubuzima buzira umuze buzamufasha kugera ku iterambere riramyeye.

IV. U RWANDA MU ISI

IV.1 Intangiriro

Kuva mu kinyejana cya 18 na 19, isi yagiye irushaho kwegerana. Byatangiriye mu bucuruzi mpuzamahanga. Hanyuma ubukoloni buhuza ibihugu byakolonijwe n'ibyabikolonije. Nyuma y'intambara z'Isi, iyo muri 1914-1918 n'yo muri 1940-1945, hagiyeho imiryango mpuzamahanga nka SDN (Société des Nations) yasimbuwe na Loni nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose (1945) n'Ibigo biyishamikiyeho bikorera ku rwego rw'Isi. Nyuma y'Intambara yiswe iy'ubutita, Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti imaze guseniyuka, niho habayeho gufunguka burundu, Isi yose isigara ari imwe (UMUDUGUDU) n'ubwo ibihugu biyigize bitareshya bwose.

Iri somo rigamije kubaka Intore zishobora gusesengura, kumva no gusobanura imihindagurikire y'isi, ingaruka igira ku Rwanda, amahirwe rwabikuramo n'ingamba zafatwa mu kwihesha agaciro.

IV.2 Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, abarikurikiye bazaba:

- a. Basobanukiwe imihindagurikire y'Isi n'ingaruka yagira ku Gihugu
- b. Basobanukiwe uko U Rwanda ruri mu Isi yabaye "Umudugudu"

IV.3 Urugendo rw'u Rwanda mu isi yabaye umudugudu

(i) Mu gihe cy'Ubukoloni:

1. Kuva mbere y'ubukoloni, U Rwanda rwagize umubano n'ibihugu bidukikije: BURUNDI, KARAGWE, UBUNYABUNGO n'ibindi.

2. U Rwanda rwambuwe ibice binini byari birugize byegurirwa Kongo Mbiligi na Uganda;
3. Ubukoloni bwatumye u Rwanda rutakaza ubwigenge bwawo ahubwo rujya mu mubare w'ibihugu byakolonijwe n'UBUDAGE, UBUBILIGI n'Umuryango w'Abibumbye. Nyuma y'intambara ya mbere y' Isi yose, u Rwanda rwari intizanyo ya gikoloni y'Umuryango mpuzamahanga wa S.D.N. (Société des Nations), nyuma y'intambara ya kabiri y' Isi, U Rwanda rwabaye intizanyo y'ubukoloni y'Umuryango w'Abibumbye (LONI). Hashyizweho imiyoborere ishingiye ku mikorere n'imyumvire by'abakoloni ;
4. Hatangiye ubucuruzi mpuzamahanga, amadini mpuzamahanga, itumanaho mpuzamahanga n'ubukungu bushingiye kw'ifaranga, amashuri yigisha ubumenyi mpuzamahanga ; ubuvuzi bukoresha ubuhanga n'imiti ikoroshwa ku rwego mpuzamahanga ;
5. Mu Rwanda imbere naho hatangiye buhoro buhoro ibigo by'ubucuruzi mpuzamahanga (Interfreight, NAHV, LA RWANDAISE n'ibindi);
6. Nyuma haje n'ibitekerezo bishingiye ku mitegekere mpuzamahanga : amatora, demokarasi, Repubulika, amashyaka ya politiki n'amacakubiri ashingiye kw'irondabwoko bw'abakoloni kandi UBUBIRIGI na LONI byagize uruhare rukomeye mu byemezo byo gushyiraho Leta zironda ubwoko. Irondabwoko ryokamye u Rwanda ni umurage mubi w'ubukoloni.

(ii) Nyuma y'Ubwigenge

1. U Rwanda rwinjiye mu miryango myinshi mpuzamahanga :
 - o LONI ku itariki ya 18/9/1962 ;

Intore ntiganya ishaka ibisubizo

- UAM (UNION AFRICAINE ET MALGACHE) tariki ya 5/3/19963 ;
 - OUA (Organisation de l'Unite Africaine : ubu yahinduye izina yitwa AFRICAN UNION) kuri 25/5/1963 ;
 - OCAM (Organisation Commune Africaine et Malgache) kuri 27/6/1966, etc ;
2. U Rwanda rwashyizeho abaruhagarariye muri LONI, mu Muryango w'Ubukungu bw'Ibihugu by'Uubrayi (Communaute Economique Europeenne) no mu bihugu binyuranye : UBUBIRIGI, VATICANI, UBUFARANSA, UBUDAGE, Congo Kinshasa, Amerika, Uganda, Burundi, Ubushinwa n'ibindi.
 3. U Rwanda rwatangiye guterwa inkunga n'ibihugu n'imiryango-nterankunga : Ububiligi, Ubufaransa, Canada, Ubushinwa, Ubusuwisi, Ikigega Mpuzamahanga cy'Imali, Banki y'isi, Banki Nyafurika Itsura Amajyambere, UNICEF, UNESCO, FAO, ONUDI, etc.
 4. Ku rwego rw'Akarere, habaye imikoranire n'ibihugu bikikije u Rwanda hanashingwa umuryango w'Ubukungu w'ibihugu bituriye ibiyaga bigari (CEPGL) uhuza U Rwanda, Uburundi na Zayire (1976). Uwo muryango wagize intege nke kubera ibintu bibiri :
 5. Amategeko awugenga ntiyari asobanutse neza ;
 6. Ibibazo by'umutekano muke wabangamiye imikorere irambye yawo, bikaba ari nako bikimeze kuri iki gihe.
 7. Nyuma u Rwanda rwinjiye mu Muryango w'Ibihugu by'afurikay'Iburasirazuba (EAST AFRICAN COMMUNITY), muri ICGLR (INTERNATIONAL CONFERENCE ON THE GREAT LAKES REGION) ;...

(iii) Igihe cya Repubulika ya Kabiri (1973-1994)

Repubulikaya Intagishyayazanyemurwego mpuzamahanga, yakoranye n'ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bimwe n'ibya Repubulika ya mbere kandi ahanini bidashingiye ku nyungu rusange z'igihugu ahubwo bishigiye ku nyungu z'abategetsi bariho. Ariko yiyegereje u Bufaransa kurusha Repuburika ya mbere.

IV.4 Ibiranga Isi yabaye imwe

1. Guhahirana mu isi yose ntibigifite umupaka ahubwo biriyongera ndetse Ibihugu byagiye bivanaho imbogamizi nyinshi kandi bikoroshya ubuhahirane n'ubufatanye hagati yabyo;
2. Havutse Imiryango ihuje Ibihugu ikorera ku rwego mpuzamahanga igahuza abantu n'ibihugu binyuranye kandi imishyikirano ibera ku rwego mpuzamahanga yariyongereye;
3. Muri iki gihe, ibibaye ahantu hamwe ku isi bigira ingaruka ku rwego rw'Isi. Imipaka myinshi yavuyeho haba mu bijyanye n'itumanaho n'ubwikorezi ku buryo ibintu byononekara vuba nk'imbuto, indabyo n'imboga bishobora kuva muri Afrika bigacuruzwa mu Burayi mu gihe cya vuba kandi bitononekaye ;
4. Ukutavogerwa kw'ibihugu (souveraineté /sovereignty) kwagabanutse. Urugero: amategeko ku rwego rw'isi arusha ingufu ayo ku rwego rwa buri gihugu ;
5. Ibihugu ntibikigenzura « imbuga mpuzamahanga (réseaux sociaux) ; itumanaho ntirigifite umupaka kandi umuntu ashobora kubona ibibera kw'isi yose yicaye iwe. Urugero : umuntu ashobora kureba umupira aho ubereye hose.

6. Mu magambo make, haba mu birebana n'itumanaho, ubwikorezi, ubukungu, amadini, sosiyete sivile, mu bucamanza, mu miryango mpuzamahanga no mu miryango itari iya Leta, hari ibintu bisigaye bibera ku rwego ruri hejuru ya buri gihugu kandi bigira ingaruka kuri icyo gihugu kandi bitagengwa n'Igihugu runaka.

IV.5 Ibinengwa Isi yabaye imwe:

1. Hari abafite impungenge ko umuco wabo ushobora kuzimirira mu muco w'ibihugu bikomeye ; bavuga ndetse ko Isi itangiye kugendera ku muco n'ururimi nyamerika gusa ;
2. Hari abavuga ko ubukungu bwabo bugifite intege nke bityo bugashobora gutwarwa na serwakira y'imihindagurikire y'ubukungu ku isi ;
3. Hari abatinya ko ibihugu by'ibihangange byishakira gusa ibikoresho by'ibanze (raw material/ matières premières) n'abakozi bahendutse ariko nta kiza bishakira ibihugu bitaratera imbere mu majyambere ;
4. Hari abavuga ko aho kugirango habeho kwishyira hamwe kw'ibihugu (integration) ahubwo habaho ugushyira ubukungu mu maboko ya za sosiyete mpuzamahanga z'ibihugu bikomeye (multinationnales) ;
5. Hari ababona ko ibihugu bikomeye bikoresha inzego byishyiriyeho zikarengera inyungu zabyo aho kugirango abantu bose bafatwe kimwe. urugero ni Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha (International Criminal Court) ;
6. Hari abasanga ibihugu bikomeye byirengagiza ibitajyanye n'inyungu zabyo : urugero = Ibihugu bimwe bikomeye nka Leta Zunze Ubumwe z'Amerika byanze gushyira

umukono ku masezerano mpuzamahanga arebana n'ibidukikije) ;

7. Hari abashingira ku mateka y'imikorere y'Umuryango w'Abibumbye bakavuga ko uyu Muryango utashoboye kuzuza ishingano zawo neza muri ibi bikurikira : kurinda ibidukikije, kubuza ko habaho ihungabana ry'ubukungu kw'isi kandi ufite Banki y'Isi n'Ikigega mpuzamahanga cy'ifaranga byagombye kubiteganya, kuba utarashoboye kurinda icuruzwa ry'ibiyobya-bwenge ku isi. Ikigarukwaho cyane nuko Umuryango w'Abibumbye utashoboye kurinda intambara no kugarura amahoro mu bice byinshi byo ku isi, ndetse n'intumwa zawo ntizishobore kugera ku nshingano zazo nko muri Somariya no mu Rwanda. Mu gihugu cyacu, ibihugu bikomeye by'amahanga aho gutabara byahisemo gutererana U Rwanda.
8. Hari ababona ko Umuryango mpuzamahanga utubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu, n'ubucamanza bushyirwaho nawo buracyakemangwa. Urugero : Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda, Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha ruhoraho rw'i La Haye.
9. Ikindi banenga Umuryango w'Abibumbye ni uburyo ufata ibyemezo : bica mu nzira ndende kandi Ibihugu nka Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bitangamo amafaranga menshi bigiramo ingufu zikomeye.
10. Ikindi gikemangwa ni uburenganzira bwo kuburizamo ifatwa ry'icyemezo (veto) ibihugu bitanu bikomeye ku isi bifite ;
11. Umuryango w'Abibumbye kandi unengwa kutagira ingabo zawo bwite, bigatuma gutabara bizamo ibibazo byinshi. Bigaragara ko uko uwo muryango uteye ubu udashobora kuyobora isi ngo ikemure ibibazo ihura nabyo.

IV.6 Imiterere y'ibibazo bya politiki mu karere no mu isi bireba u Rwanda n'ibigaragaza icyizere u Rwanda ruftiwe

IV.6.a Ibibazo by'ingenzi u Rwanda rwahuye nabyo muri politiki mpuzamahanga

1. Bimwe mu bihugu bikomeye n'imiryango mpuzamahanga byagize uruhare rukomeye mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya jenocide yakorewe abatutsi. Muri ibyo bikorwa harimo :
 - Guha intwaro n'inkunga Leta ya Habyarimana na guverinoma y'abatabazi yateguraga jenocide (Ubufaransa).
 - Gucyura ingabo za Minuar aho gutabara abicwaga muri jenocide (Ububiligi, Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinze Amahoro ku Isi.
 - Kwanga kwemera ko jenocide iriho ikorwa (Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Ububiligi, Ubufaransa, etc)
 - Gutinda kohereza Minuar II: yageze mu Rwanda tariki ya 19 Nzeri 1994 jenocide yaramaze guhagarikwa na FPR INKOTANYI.
 - Kwemera kwohereza "Opération turquoise" ngo yoroherenze abajenosideri kandi ikumire ingabo za FPR INKOTANYI.
 - Gushyiraho imikorere idahwitse ya y'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rukorera Arusha (TPIR).
2. Intambara zo muri Repuburika Iharanira Demukarasi ya Congo zigamije guhashya interahamwe na Ex-FAR bibumbiye muri FDLR n'indi mitwe ihuje nayo ingengabitekerezo ya jenocide.

3. Inyandiko n'ibikorwa byinshi bibi by'abanditsi n'abashakashatsi babogamye barimo benshi bahakana jenocide yakorewe Abatutsi : Filip Reyntjens, Andre Guichaoua, Padiri Serge Desouter, Helmut Strizek, Madeleine Raffin, Bernard Lugan, etc.
4. Ibikorwa by'Abanyamakuru n'abanditsi barwanya Leta y'u Rwanda nka Stephen Smith, Robin Philpot, Peter Verlinden, Charles Onana, Pierre Pean, etc.
5. Hari n'abanyarwanda banditse ibitabo bihakana cyangwa bigapfobya jenocide kandi bamwe muribo baregwa icyaha cya jenocide Urugero : Ferdinand Nahimana, Protais Mpiranya n'abandi benshi ;
6. Hari imbuga nkoranyambaga n'amaradiyo (BBC, VOA) zivugirwaho n'abafite ingengabitekerezo ya jenocide ;
7. Guhagarikirwa inkunga n'ibihugu by'amahanga biturutse kuri raporo y'ibinyoma ya Steve Hege ariko twakwishimira ko n'ubwo ibi byabaye, u Rwanda rwatorewe kujya mu kanama ka Loni Gashinzwe amahoro ku isi
8. U Rwanda rwarezwe ku rwego mpuzamahanga n'abacamanza bo mu Bufaransa na Espaniya bituma habaho gucana umubanio n'Ubufaransa ariko uza gusubukurwa ;
9. Raporo z'ubugambanyi zakozwe n'abashakashatsi ba Loni: Raporo Robert Gersony, Raporo nyinshi za Roberto Garreton yakoze kuri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Raporo Mapping, Raporo yakozwe n'itsinda ryayobowe na Steven Hege, inyinshi muri izo raporo zireba Kongo ariko ibibazo byayo bikitirirwa u Rwanda.
10. Ibihugu bimwe na bimwe byitirira u Rwanda ibibazo byabyo bwite (Kongo n'abo bafatanyije), ibindi bigakurura amahane ku Rwanda (Tanzaniya).

IV.7 Inkingi zigaragaraza icyizere u Rwanda rufitiwe ku rwego mpuzamahanga

1. Uburyo u Rwanda rwabashije kubaka amahoro n'umutekano mu gihugu, mu karere no mu isi : Guhuza ingabo za Ex-FAR na RPA, kubaka inzego z'umutekano zikora neza, kwakira no kwinjiza abahoze ari abarwanyi ba FDLR mu buzima busanzwe, guca burundu ubuhunzi bikemezwa n'Umuryango w'Abibumbye n'ibindi ; kubungabunga amahoro mu mahanga (Darfour, South Sudan, Haiti, Liberia, Cote d'Ivoire, Mali,...)
2. Kwinjira mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro n'Umutekano ku isi ;
3. Abanyarwanda bagiriwe icyizere cyo kuyobora imiryango mpuzamahanga mu rwego rw'isi ;
4. Icyizere abashoramari bakomeje kugirira u Rwanda (EUROBONDS, n'irindi shoramari) ;
5. Amahanga akomeje kwigira ku Rwanda ku ngamba z'umwimerere zo kwishakamo ibisubizo (uburinganire bw'abagore n'abagabo, inama y'umushyikirano, imihigo, isuku, ubwisungane mu kwivuza, gacaca, ubudehe, umuganda, girinka, kugaragaza umutongo ku bayobozi n'izindi) ;
6. Amahanga akomeje kugirira icyizere ubuyobozi bwiza buranga u Rwanda : ibikombe n'ubutumire bwa Perezida wa Repubulika ku rwego mpuzamahanga, etc ;
7. Ubwiyongere bwa Ambassadors n'imiryango mpuzamahanga ihagarariwe mu Rwanda, n'izo u Rwanda rufungura mu mahanga.
8. Leta yashyizeho umubano n'amahanga bishingiye ku

bwubahane, ubuhahirane n'ubufatanye bigamije inyungu z'u Rwanda. Amarembo yaragutse n'amajyambere arushaho gutera imbere. U Rwanda rwashyize umukono ku masezerano mpuzahanga rufitemo inyungu kandi rukayashyira mu mategeko y'igihugu vuba ;

9. Amajyambere mw'itumanaho yasakaye mu Rwanda, itumanaho nta mupaka rigifite. Leta y'u Rwanda ikora ibishoboka mu kubaka no kumenyekanisha isura nziza y'u Rwanda, hatangazwa amakuru nyayo kugira ngo isi igire amakuru y'imvaho k'u Rwanda.
10. U Rwanda rwagiye mu miryango nka COMESA, NEPAD, EAC n'iyindi. URwanda kandi rwabonye imyanya myiza mu miryango mpuzamahanga: UN, AU,...Ingabo z' u Rwanda zatabaye aho rukomeye mu mahanga : DARFOUR, MALI, HAITI , SUD SOUDAN n'ahandi.
11. Mu bucuruzi mpuzamahanga, ubwikorezi mu kirere no ku butaka buhuza buri munsu u Rwanda n'amahanga. Sosiyete RWANDAIR iragenda itera imbere, igura indege nshya kandi zigezweho, inongera ingendo zayo hirya no hino mu mahanga. Ishoramari riturutse mu mahanga naryo ryitaweho ;
12. U Rwanda rwavuguruye umubano n'ibihugu byinshi, byaba ibyo muri Afurika no ku yindi migabane. Rwafunguye za Ambassade na Konsila ku migabane yose y'isi hashingiwe ku bihugu n'Uturere u Rwanda rufitemo inyungu kandi ambasades zisanzwe zongerewe ubushobozi;
13. Indimi mpuzamahanga nk'icyongereza n'igifaransa biravugwa mu Rwanda. Umuco wo mu mahanga unyuze mu itangazamakuru, muri za sinema no mu ndirimbo

byiyerekana buri muni mu gihugu.

14. U Rwanda ruhahira buri muni ku isoko mpuzamahanga ry' isi. Abanyamahanga bashora imari yabo mu Rwanda abandi bahakorera ubukerarugendo buri muni ;

15. U Rwanda rwafatanyije n'ibihugu ndetse n'Imiryango mpuzamahanga gukuraho ubuhunzi rusange ku Banyarwanda.

IV.8 Uko u Rwanda rwasigasira indangagaciro mu ruhurirane rw'imico y'andi mahanga

Kugira ngo indangagaciro y'Abanyarwanda yo kwihesha agaciro isigasirwe muri uru ruhurirane rw'imico y'andi mahanga, Leta ifatanije n'Abenegihugu, bashyizeho ingamba n'amahame y'ingenzi bigomba gushingirwaho n'u Rwanda mu mihindagurikire y'Isi:

1. Kumva neza imiterere mishya y'imihindagurikire y'isi iriho ku rwego rw'akarere no ku rwego rw'Isi bigasobanukira buri wese ;
2. Kutifungirana ku rwego rw'igihugu n'imipaka yacyo, Gahunda za Leta n'Amashyamba ya politiki bikaguka bigashaka ubufatanye n'ubutwererane ku nzego zirenze igihugu ;
3. Gukomeza gushaka inshuti z'u Rwanda mu mahanga, gutsura umubano n'izo dusanganywe no kwita ku bundi buryo bwose bwo guteza imbere inyungu z'u Rwanda;
4. Gushyira imbaraga mu itumanaho rinyuze mu ikoranabuhanga, isakazamakuru hagamijwe kumenyekanisha isura nyayo y'igihugu no kubeshyuzza abaruharabika ;
5. Gukomeza gushyira Abanyarwanda mu mirimo ku rwego

mpuzamahanga zifatirwamo ibyemezo kugira ngo u Rwanda rugire ingufu n'ijambo ;

6. Gushyiraho uburyo buhoraho kandi bunoze bwo kumenya no gukurikirana ibivugwa ku Rwanda, ingaruka zihari, kubisubiza ku gihe no gukumira ibishobora kuba mbere yuko bidutera ibibazo.

IV.9 Uruhare rw'abanyarwanda mu kubaka isura nziza y'igihugu no kugira uruhare mu iterambere ryacyo

1. Gukomeza kumenyekanisha ibikorwa by'u Rwanda ;
2. Gushishikariza abanyarwanda gukunda igihugu no kukigirira icyizere, no gukomeza kwihesha agaciro cyane cyane urubyiruko (Rwanda Day, Come and See n'izindi) ;
3. Kubashishikariza ishoramari na gahunda z'iterambere;
4. Gukomeza gushimangira umubano n'inshuti z'u Rwanda no gushaka izindi ;
5. Gukomeza kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda no guhangana n'abarusebya.

Umwanzuro

(i) Ku rwego rw'isi

1. Ku ruhande rumwe, inzira yo kugira isi yose umudugudu irakomeza, ariko ku rundi ruhande ibihugu bigerageza gukora imiryango y'uturere bihuriramo. Iyegehana ry'Isi (mondialisation) ririho, ariko n'imiryango ihurirwamo n'ibihugu ku rwego rw'Uturere (régionalisation) nayo iriho kandi ifite akamaro. Ikiza cyayo ni uko ibihugu biyigiramo ijambo kurusha uko birigira mu isi yabaye umudugudu.
2. Hari ibintu bikorerwa ku rwego rw'isi kandi birenze buri gihugu ku giti cyacyo kuko kitaba gifite ubushobozi

bwo kubigenzura. Leta ziracyaharanira ko hatabaho kuvogerwa mu mikorere yazo, muri politiki zazo. Buri gihugu kiracyaharanira kugendera kuri politiki yacyo bwite n'ubwo cyaba cyarashyize umukono ku masezerano ashirahira inzego n'imiryango -mpuzamahanga hagamijwe kwigira no kwihesha agaciro;

3. Ku rwego rw'ubukungu ntiharabaho guhuriza hamwe gahunda ifatika. Hari ingorane z'ubukungu bwifashe nabi ku isi zigenda zigira ingaruka ku bihugu byinshi icyarimwe. Buri gihugu kigerageza « kwigira » ;
4. Ibihugu biracyariho nka Leta zigenga, ariko hariho n'ingufu zikomeye zitagenzurwa n'izo Leta cyangwa ngo habe Urwego rumwe mpuzamahanga kw'isi ruyobora ibikorwa. Ibintu bisa n'ibikishakisha ariko aho bigana ntihazasubira inyuma ;
5. Ikindi kigaragara ni uko ibihugu bisumbana; ntabwo bifite ubushobozi bumwe haba mu bukungu, mu ngufu cyangwa mu gufata ibyemezo mu rwego rwa politiki. Ndetse ibifite ingufu biteza intambara ku bidafite intege. Nta burunganire buri hagati y'ibihugu.
6. Ikindi kimaze kugaragara ni uko hari ibibazo bidashobora kubonerwa igisubizo ku rwego rw'igihugu kimwe (ibidukikije n'ibindi). Isi yabaye imwe ariko ntragara urwego rumwe ruyiyobora ku buryo buhamye ndetse hari n'abatarushaka, kandi n'ibihugu mu mipaka yabyo isanzwe biracyayikomeye. Biracyanakomeye ku bwigenge bwabyo n'umuco wihariye wabyo bitabujije ko hari ibigenda bihinduka. Igikuru ni uko ibijya ku rwego mpuzamahanga bitasenya ibyo bihugu ngo bizimire ahubwo hakabaho kugabanya ingorane.

(ii) Ku rwego rw'Igihugu cy'u Rwanda

1. Ihame ryo kwagura amarembo rigomba gushyigikirwa. U Rwanda rukiga gukorera ku rwego mpuzamahanga mu buryo bushya. Hari ibibazo bigomba kubonerwa ibisubizo ku rwego rw'isi cyangwa rw'uturere no ku rwego rw' Igihugu.
2. Hatangiye kujyaho Imiryango kuri izo nzego za mbere zombi. Leta ku giti cyayo iracyariho kandi igomba kubaho kuko nta rwego rurayisimbura. Igikuru ni ukujyana n'iyi miterere n'imikorere yayo hatabayeho kwitesha agaciro.

Ibindi byakwifashishwa

1. Doc.Inama ya Berlin 1884-1885
2. Ubukoloni doc.
3. Ukwegerana ku isi (Mondialisation)
4. Jenocide yakorewe Abatutsi
5. Image/opinion formers, politiki y'Ibihugu bimwe na bimwe ku Rwanda nk'Ubufaransa, Ububiligi, Tanzaniya, Congo-Kinshasa, n'ibindi
6. Political parties & geo-politics

V. IBIDUKIKIJE, ISUKU N'ISUKURA

V.1 Intego rusange

- ✓ Kugira abanyarwanda bihesha agaciro barengera ibidukikije kandi bafata neza ibikorwa remezo babigirira isuku kugira ngo bitagira ingaruka mbi ku buzima bwabo.
- ✓ Kugira abanyarwanda bihesha agaciro bimakaza indangagaciro y'isuku, barangwa n'isuku ku mubiri, aho bakorera, aho batuye no mubyo bakoresha.
- ✓ Kugira abanyarwanda bafite ubuzima buzira umuze babikesha kwimakaza isuku .
- ✓ Gusobanukirwa aho gahunda yo kurengera ibidukikije,ihurira na gahunda y'isuku n'isukura mu rwego rwo kwihesha agaciro.

V.2 Intego zihariye

- ✓ Gusobanura ibidukikije n'akamaro kabyo
- ✓ Gusobanukirwa ibibazo bigaragara mu bidukikije n'uruhare asabwa mu kubikemura
- ✓ Gusobanukirwa ingaruka zo kutagira isuku
- ✓ Gusobanura akamaro k'isuku ku muntu ku giti cye, ku muryango no ku gihugu.
- ✓ Gusobanura ingaruka mbi ziterwa n'isuku nke.

V.3 Ibisobanuro by'amagambo

- a. ISUKU:** ni ibikorwa byiza bikorwa hagamijwe kubungabunga ubuzima.
- b. IBIDUKIKIJE :** ni urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije

kamere n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza, ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye, z'ako kanya cyangwa zitinda, ku majyambere y'ahantu, ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu.

V.4 Akamaro k'isuku

Isuku muri rusange ni isoko y'ubuzima. Indwara nyishi zikunze kuboneka mu Rwanda ziterwa n'isuku nke.

Niyo mpamvu isuku ari ngombwa kugirango twirinde indwara.

V.5 Zimwe mu ndwara ziterwa n'umwanda

- i. Malaria
- ii. Impiswi
- iii. Inzoka
- iv. Indwara zimwe na zimwe z'ubuhumekero.

V.6 Ingaruka mbi zo kutagira isuku ku muntu ku giti cye, ku muryango no ku gihugu.

Kurwaragurika bigateza ingaruka ku kudindiza iterambere ry'umuntu ku giti cye ndetse n'iry'igihugu muri rusange.

Gutakaza agaciro no gusuzugurika mu muryango nyarwanda kubera umwanda.

Kudindiza imikurire y'abana bakiri bato kubera kurwaragurika kenshi .

Kugabanya ubukungu bw'igihugu kubera ko amafranga yakabaye akoreshwa mu bindi bikorwa by'iterambere ashorwa mu kugura imiti.

Ubukene mu muryango kubera ko iyo umwe mu muryango arwaye ,abawugize ndetse n’abaturanyi bafata umwanya wo kumwitaho ntibakore indi mirimo ibatunze.

Urufu : Abarwaye bose siko bakira, benshi cyane cyane abana, ubuzima burahasigara.

V.7 Ingamba zo kwimakaza umuco w’isuku

- i. Kugira isuku y’umubiri.
- ii. Kugira isuku y’imyambaro.
- iii. Kugira isuku y’ibikoresho
- iv. Kugira isuku aho dukorera,
- v. Kugira isuku aho turara.
- vi. Kugira isuku y’ibiribwa, iyaho batekera n’aho bafatira amafunguro.
- vii. Kugira isuku y’ubwiherero no gukaraba intoki nyuma yo kuva kuri WC
- viii. Gukaraba intoki mbere na nyuma yo gufungura.
- ix. Gukaraba intoki mbere yo konsa umwana no kumugaburira.
- x. Kwita by’umwihariko ku isuku y’umubiri n’iyimyambaro ku bana bato.
- xi. Kugira isuku y’amazi akoreshwa n’iyamavomo.
- xii. Kutituma ku misozi kugirango umwanda utajya mu migezi.
- xiii. Kujugunya umusarani w’umwana muri ahabugenewe (WC) no gukarabya umwana amaze kwituma.
- xiv. Gushyiraho kandagira ukarabe mu ngo, ku nyubako zihurirwaho n’ahantu n’ubwiherero rusange kandi bigakorerwa isuku ihagije.

V.8 Amahame rusange y'ibidukikije

- i. Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu ibidukikije bifashwe neza, afite inshingano zo kurinda ubusugire bw'ibidukikije.
- ii. Iterambere ry'ubukungu rikwiye gushingira kw'ikoresha neza ry'umutungo kamere hitaweho kurengera ibidukikije.
- iii. Abaturage bose bakwiye kugira uruhare rugaragara mu kurengera no gucunga neza ibidukikije.
- iv. Ibidukikije bikwiye gushyirwa muri gahunda zose z'igihugu: uburezi, urubyiruko, ... Inzego z'abari n'abategarugori n'iz'urubyiruko zikwiye kugira uruhare rugaragara rwo kurengera ibidukikije.
- v. Gushyiraho uburyo bwo kwirinda impanuka zakwangiza ibidukikije.
- vi. Gushyiraho uburyo buteganya ubwishyu bw'uwangije ibidukikije.
- vii. Gusaba imishinga yose ikorera mu gihugu gukora inyigo y'ingaruka ziterwa n'ibikorwa byabo ku bidukikije "étude d'impact environnemental", ..
- viii. Gushyiraho ingamba zo guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage mu gukoresha umutungo kamere.
- ix. Gufatanya n'amahanga mu by'ubumenyi bwo kurengera ibidukikije.

V.9 Indangagaciro zizimakazwa mu rwego rw'isuku no kurengera ibidukikije hagamijwe kwimakazwa indangagaciro yo kwihesha agaciro.

- i. Kwiyubaha.
- ii. Ubunyangamugayo.
- iii. Gufata neza ibyagezweho.

V.10 Ibibazo byugarije ibidukikije

- 1) Ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'umutungo igihugu gifite (Imbalance between population and resources)
- 2) Imikoreshereze mibi y'ubutaka ku buryo n'ahantu h'amanegera (écosystème fragiles) hasatirwa kugeza ku nkombe z'imigezi n'ibiyaga ;
- 3) Imiturire itatanye hamwe n'igabagabana ry'amasambu
- 4) Imihingire mibi itera isuri n'ubworozi butajyanye n'igihe tugezemo
- 5) Ikendera ry'urusobe rw'ibinyabuzima,
- 6) Ibibazo bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka (imihindagurikire y'ibihe, ibitera isuri, ibishanga bikama, itsembwa ry'amashyamba,...)
- 7) Ikendera ry'umutungo kamere
 - Iriterwa n'impanuka kamere
 - Iriterwa n'ibikorwa bya muntu

- Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu kajagari;

- Itemwa ry'amashyamba mu kajagari (amashyamba yagabanutse ho 69% MINAGRI, 2002) n'ibikorwa byo kurwanya isuri bigenda gahoro;

- Uburobyi bw'amafi budahwitse ;
 - Gutwika ibihuru (Feu de brousse) ;
 - Igabanuka ry'amashyamba n'ahantu hakomye kubera impamvu zinyuranye (gushaka ubutaka bwo guhinga, gutuza abaturage, gushaka inkwi n'imbaho, gutwika, gucukura amabuye y'agaciro,)
 - Igabanuka ry'ibicanwa bituruka ku binyabuzima (Biomasse)
 - Imikoreshereze mibi y'ahantu hahehereye (Zones humides)
- 8) Kudaha ibidukikije agaciro gahagije mu mibereho n'ubukungu :
- o Mu buhinzi, ubworozi n'uburobyi ;
 - o Mu bwikorezi n'itumanaho ;
 - o Mu bucukuzi, inganda n'ubukerarugendo ;
 - o Mu burezi, mu binyamakuru n'ubushakashatsi ;
 - o Mu buzima n'isuku (Santé et assainissement);
 - o Mu igenamigambi ;
 - o Ikibazo cy'ubwuzuzanye mu kurengera ibidukikije ;
 - o Impanuka kamere n'iziterwa n'ibikorwa by'umuntu ;
 - o Ibibazo by'ibidukikije byo mu rwego mpuzamahanga.
- 9) Imihindagurikire y'ibihe
- 10) Ukwangirika kw'akayunguruzo k'imirasire y'izuba
- 11) Imiterere idahamye ya politiki n'amategeko
- 12) Amarebe adasanze (Jacinthe d'eau)
- 13) Ihumanya ry'amazi n'ahantu hahehereye (Pollution de l'eau)

V.11 Uruhare rw'Intore mu kurengera ibidukikije

Intore igomba gufata iya mbere kubungabunga no kurengera ibidukikije, haba aho ituye, aho ikorera n'aho igenda hose.

Intore igomba kandi gusobanukirwa n'itegeko ry'ibidukikije n'amahame abigenga.

UMWANZURO

Kubera ko isuku ari isoko y'ubuzima, n'ibidukikije (amazi, amashyamba, ibishanga, imigezi inzuzi,...) bikaba bifite uruhare runini mu mibereho myiza ya muntu; buri munyarwanda afite inshingano yo kwimakaza umuco w'isuku n'isukura no kubungabunga ibidukikije kugira ngo tugire ubuzima buzira umuze bityo umuntu agira icyo yimarira, icyo amarira abandi n'icyo amarira Igihugu.

VI. ISESENGURA RY'AMAHAME Y'INTORE N'UBURYO BWO KUYIMAKAZA

VI.1 Intego rusange

Nyuma y'iri somo, abatozwa bazaba: basobanukiwe kandi bashobora kwimakaza amahame y'intore, kuyakoresha no kuyifashisha mu guhindura imyumvire.

VI.2 Intego zihariye

Nyuma y'iri somo, Intore z'Abatoza zizaba zishobora:

- a. Kurangwa n' amahame y'Intore no kuyimakaza mu banyarwanda
- b. Gusobanura no gukundisha Abanyarwanda n'abandi amahame y'intore;
- c. Gukemura ibibazo bahura nabyo no kwishakamo ibisubizo hifashishijwe amahame y'Intore;

VI.3 Ibisobanuro by'Amahame y'Intore

1. INTORE NTIGANYA ISHAKA IBISUBIZO: Intore nyayo iyo ihuye n'ibibazo aho kujya gushakire ibisubizo ahandi irabanza ikishakomo umuti n'ibisubizo ubwayo. Abanyarwanda babiciye umugani bati: “Akimuhana kaa imvuru ihise”

Urugero: Imana ifasha uwifashije.

2. INTORE NTIYOBA NO MU ISHYAMBA RY'INZITANE YISHAKIRA INZIRA: Ibi bishatse kuvuga ko intore igomba guhora iteka yifitemo ikizero, ishema, ishyaka ryo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo yahura nabyo byose ndetse n'aho yaba iri hose.

3. INTORE N'UMURINZI W'IBYO YAGEZEHO NTACYABISENYA IBONA: Ibi bivuze ko intore igomba guharanira iteka gufata iyambere mu kubaka, kurinda, kubungabunga ibikorwa bihari,

guhanga ibishya, igamije iterambere rya bose.

Urugero: Wanga kumenera amaraso Igihugu cyawe imbwa zikayanywera ubusa.

4. INTORE SI NANJYE BINYOBERE; NI NKORE NEZA BANDEBEREHO: Ibi bivuze ko intore igomba guhora iteka ishishikajwe no gushaka ibisubiza biza bisubiza ibibazo ihura nabyo n'iyobyaba mu mahina, intore ntigomba kutsindwa, aho urugamba rukomeye intore ntiruhunga ahubwo ishaka imbaraga n'ibisubizo byo kurutsinda.

Urugero: Kora ndebe iruta vuga numve

5. INTORE NTIGAMBANIRA INDI; KIRAZIRA GUTATIRA IGIHANGO: Ibi bivuze ko intore igomba guhora iteka irangwa n'imyitwarire, imikorere bizira amakemwa, amatiku n'ingeso mbi zishobora kugambanira izindi ntore ibana nazo cyangwa bakorana. Intore igomba kugira no kugirwa inama, ikemera kandi kunengwa bigamije kubaka.

Urugero: Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye.

6. INTORE IKEMURA IBIBAZO BYAYO ITABYIMURIRA KU BANDI: Ibi bishatsekuvuga ko Intore igomba guharanira iteka gukora umurimo unoze, kandi utunganye, ikirinda igikorwa icyari cyo cyose cyateza amakimbirane aturutse ku bibazo biturutse ku murimo yakoze. Intore igomba kwirinda kuba ntibindeba.

Urugero : So ukwanga akuranga ibyamunaniye.

7. INTORE NTIVUNDA; NTISAHINDA; IJABO RYAYO RIYIHA IJAMBO : Ibi bivuze ko intore igomba kurangwa n'imyitwarire itagira amakemwa, ntiyivanga cyangwa ngo ivangire abandi, haba mu magambo cyangwa mu bikorwa. Intore igomba kwiubaha ubwayo, kubaha abo bangana, kubaha abayikuriye, kubaha abaturanyi, kubaha abayiyobora, kubaha igihugu

cyayibyaye; igahora iteka yishimira ibyiza yagezeho ubwayo, ndetse n'ibyiza igihugu kigenda kigeraho

Urugero: Intore ntivuga batayihaye ijambo

8. TUGIRE AMAHORO; Ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge:

Ibi bivuze ko amahoro ariyo shingiro y'amajyambere, ariko iyo amahoro yabuze ubuzima burahagarara, ikindi kandi kwicisha bugufi, urukundo ubumwe, ubufatanye, ubwuzuzanye; ibi nibyo musingi wo kubana neza no kubumbatira amahoro arambye.

Itegeko Nshinga riteganya ko:

“Tuzirikanye ko amahoro n'ubumwe by'abanyarwanda ari byo nkingi ikomeye y'amajyambere y'igihugu n'iterambere ry'abanyarwanda,,

9. INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE; Tuyirandurane

n'imizi yayo yose: Ibi bishatse kwerekana ko jenocide ari icyaha ndenga kamere cyibasira inyoko muntu, kikamurimbura bishingiye ku miterere ye nk'ubwoko, idini cyangwa igice cy'abantu aba n'aba. mu Rwanda twagize jenocide yakorewe abatutsi muri mata 1994 mu mezi atatu gusa jenocide yatwaye abatutsi basaga miliyoni, bityo kubere ingaruka yasigiye igihugu cy'u Rwanda kandi biturutse ku ngengabitekerezo y'urwango yabibwe mu banyarwanda igihe kirekire. Iri hame ryo kurandura ingengabitekerezo ya jenocide rigomba kuranga intore mu buzima bwayo bwa buri muni cyane ko no mu irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri kamena 2003 nk'uko ryavugurewe kugeza ubu.

2° Twiyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide n'iby igaragariramo byose,

ndetse no kurandura burundu amacakubiri ashingiyeye ku moko, ku turere n'andi macakubiri ayo ari yo yose; Dushimangiyeye ko ari ngombwa kubumbatira no guharanira ubumwe n'ubwiyunge

bw'Abanyarwanda bwashegeshwe na jenocide yakorewe abatutsi n'ingaruka zayo ;

10. TUGIRE UBUKIRE; Tubukoreye, dufatanije twese hamwe kandi vuba

Ibi nabyo tubisanga mu ngingo ya 47 y'Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda

Urugero rw'imigani:

- Abishyize hamwe ntakibananira,
- Ababiri bishyize hamwe baruta umunani urasana

VI.4 Uko Amahame y'Intore yimakajwe mu mateka y'u rwanda

a. UKO AYA MAHAME YIMAKAZWAGA MBERE Y'UMWADUKO W'ABAKORONI

Mugihe cy'Abami amahame y'intore yarimakazwaga, ibi byagaragariraga mu bikorwa by'ubutwari byaranze abakurambere bacu uko bafatanyaga mu kwagura igihugu, mu kukitangira ndetse no mu guhangana n'umwanzi wabaga wateye u Rwanda.

Urugero: Mu ndirimo y'Igihugu cyacu "Abakurambere b'intwari bitanze batizigama baraguhanga uva mubukombe utsinda ubukorani na mpatse Ibihugu None uraganje mu bwigenge tugukomeyeho uko turi twese" ibi biragaragaza ko amahame y'intore yagiye yimakozwa mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byabaga byugarije u Rwanda n'abanyarwanda, byanatwemeje u Rwanda rugira icyubahiro, igitinyiro no kubahwa mu ruhando rw'amahanga ari naho havuye imvugo igira iti "URWANDA RURATERA NTIRUTERWA".

b. UKO AMAHAME Y'INTORE YIMAKAJWE MU GIHE CY'ABAKORONI

Mu gihe cy'ubukoroni amahame y'Intore yarahungabanyijwe kuko abakoroni bimakaje Politiki ya **“Mbatanye mbone uko mbayobora”**, (diviser pour renger) aha ninaho hatangijwe ingengabitekerezo yatangiye gushing imizi, hatangire kubiba urwango muri bene Kanyarwanda. Umuco w'ubworoherane, kubahana no kubana neza uracyendera.

c. UKO AMAHAME Y'INTORE YIMAKOJWE MU GIHE CYA REPUBULIKA YA MBERE N'IYAKABIRI

Kuva Repubulika ya mbere n'iyakabiri zajyaho amahame y'Intore ntabwo yimakajwe uko bikwiye kuko habayeho kwimakaza amacakubiri, kugambanira abanyarwanda, kwimakaza amacakubiri, umururumba, inda nini n'ubusambo byahawe intebe. Gutegereza inkunga zivuye hanze aho kwishakamo ubushobozi.

d. UKO AMAHAME Y'INTORE YIMAKAJWE NYUMA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI.

Nyuma y'aho Umuryango FPR INKOTANYI ihagarikiye Jonoside yakorewe abatutsi, amahame yari yarateshejwe agaciro n'Abakoloni ndetse na Repubulika ya mbere n'ya kabiri yasubiye kwimakazwa. Zimwe muri gahunda zashyizweho zimakaza amahame y'Intore :

- Itorero ry'Igihugu,
- Kubaka ubukungu bushingiye ku mutungo kamere,
- Kugarura ubumwe bw'abanyarwanda,

Umwanzuro

Intore zigomba kurangwa n'amahame, haba mu mitekerereze, mu mikorere no mu myitwarire kugira ngo ibe intangarugero aho iri hose.